

# MUSANA
## EXERCISE BOOK

32 PAGES

Name: Batarama Esdras

School:

Class: 9e ANNEE Year 1998 - 1999

Subject:

KNOWLEDGE IS WEALTH

Bazarama Esdras

Promu en 2e

ANNEE SCOLAIRE 1998-1999

Prefecture Gitarama

Commune Mugina

Secteur Bibungo

Cellule Murambi

<u>IBUKA</u>

Ibyo NABONYE Muntambara

Nabonye aho abantu bica abandi ntacyo bababoye aruko ari abatutsi.

Ngewe iyo ndebye nsanga ibyo babaye aruko bera inda mbi. Kuko umuntu yabaga ashaka ibyo babaga batunze.

Kobavugako Itsembabwoko ryatangiye muri 1959 ryaba ryarateguwe ryanande?

Ko abantu bishe abandi bemera icyaha muvugako bazagabanyirizwa ibihano.

Nukubera iki Muzabagirira imbabazi Kandi bo bataraziginiye abazibasabaga

Ahongaho ndumva mutabagirira imbabazi. Mwabareka Imana ikaba ariyo ibagabanyiriza ibihano
Numva uwo bajya bashinzakwajya mubita mumwica kuko niwo yaba yarishe mawe yari umuntu.

Kandi ubundi umuntu akuri kiye ibyo bakoze umuntu yamara abahutu.

Nkange ndimfubyi ntamuntu wasigaye Mumuryango wacu haba mumuryango wokwa data cg haba mumuryango wokwa Mama. Data na Mama nabo twavukana inda imwe bose barapfuye.

Iyo tutagomba kwibagirwa dushobora mokubwira abandi batari bahari cg bazavuka ayumva mumwangano nwaje hagati y'abantu

kugeza aho abantu bica abandi.

Muntambara bavugaga ko bahiga utuanyenzi mbere ya 1959 bishe abatutsi bavugako bababona iki?

Nukubera iki se bakomeje kwibanda kubwoko bumwe kuki batibanze nko kubatwa.

Ngewe usibandi Intambara yabaye ndi muri Musambira. Aho mariandi mabo bari abatutsi Bamaze kubasemyera twabise dukwira imichwara Nyuma tuza guhurira murugo rwamuturage turongera twihisha hamwe kubera ko abahungu aribo babanje kwica mbere bavugako aribo byitso by'inkotanyi bikomeye.

Aho twari turi babwiye umugore twabanaga ngo ntiyashobora guhisha abahungu babiri Ngo mare be aho asigira umuhungu umwe

Ngewe icyambabaje nuko uwo mugore yambwiye ngo nimtabe inzira ngo ndayizi kandi ngo ntiyigeze antwita.
uwo mabise ngenda mpura n'umugore arambwira ngo nimze tujyane iwe ngo azajya avugako ndi umwana wa musaza we hanyuma uwo Tujyama iwabo ahayaghatse yari yarashatse kumugira kandi arimahe iwacu.
Turagenda tugera ahitwa mubibungo banaduta-Ngira ngo bamyice kuko bari bamzi haza Umusilikare aravuga ngo ntihagire umuntu womgera kwica undi
Turagenda tugera iwe nsanga umugabo we ari umusaza washaje cyane m'imgohi zarabaye imvi. Hanyuma yambaza nkamubwirako ndi Umwana wa musaza w'umugore we akishima Nyuma umugore aza guhunga hanyuma ngya Mugisambu kwihisha mo kugirango tutazajyana Nkahura n'abamzi bazi iwacu bakamyica.

Ubwongubwo naje kugenda genda
mubibazo ngera inyabikemke ntabizi
ubwo inkotanyi ziza kumbona mugihuru
zirampamagara hanyuma kuko iwacu mariwari-
geze kubabona ikinyamateka harihe uwansigirikane
w'inkotanyi arimukemwuze ari mamwiza
kandi bavugagako inkotanyi ari zarebare cyane.

Ubwo ubamukize pawa gutyo.

IBIBAZO BYANGE NUMVA NABAZA

1) Ni ukubera iki abateguye itsembabwoko bafungiye Arusha muri tanzaniya aribo bafashwe neza kurusha abashutswe? Ngewe kugiti cyange ndumva aribo ari wafata mabi kurusha abashutswe.

2) Ko mumara kubafata neza kandi aribo bateguye ibyabaye abo basize bo aho batazongera ngo bigame base mihehe? Nabo bazakora uko bashoboye kugirango Nabo bice babajyane arusha muri tanzaniya kugirango nabo batongera kuvunika bashaka icyabatunga bazajya babikora kugirango bafatwe neza.

3) Ko muvuga ngo abantu nibiyunge baziyunga mande?

4) Umuntu se ashobora kwiyunga muwatumye abimuduka imfubyi?

5) umuntu yaba yaragutemye umumutwe hanyuma Imana ikakurinda ukabaho ubwongubwo majya muri gacaca umutwe muwaya uwo muntu ntazabita amutema mawe?

6) Ko Muvugako Ibimuga bifunze ko bizafungurwa Ngewe Kugiti cyange ndumva batafungurwa Kuko Hari ibimuga bishe kuki se bo batavuze ngo Ntibagire uwica ikimuga.

7) Habyarimana Kwariwe wateguye ibi byabaye Ategeka mabandi ngo Kwikuramo ibyitso ari bo batutsi
yaba atarabibwiye abana be ngo bikuremo ibyitso?
Ese niba yarabibigishije bakabikora
Kuki ntagakuru kiabana be tujya twumva
Cg se baba barayobewe aho bari kugeza ubu?

8) Tujya kuva mungando ko mwatubwiye ngo mutatubariza amafaranga yacu gitik Kuki tutayabonye? Ese ko tuyaka komine ikatubwira ko ntamutungo yarifite Kubunyo yatujyana niba muri abari kuyadusubiza

Mwazayatwibereye umuntu akamagura nkamavuta yokwisiga kotugiye gutangira

Hanyuma mukiyishyuriza mwe mubishoboye.

UFASHWA NA KIGEGA ATARACITSE KWICUMU

- Mukamtazimda Maria Rose
prefecture Gitarama
Commune Mugina
Secteur: Bisungo
sellile: Murambi
yiga kuri E.S KINAZI
Commune Ntongwe.

The remaining pages of this booklet were blank and are not included in this digital reproduction.